

**ICYEMEZO GITEGEKA UKURIKIRANYWE WIHISHE CYANGWA**  
**WATOROTSE UIBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa makumyabiri w'ukwezi k'Ugushyingo; Twebwe **SIMBA Samuel**, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyakabuye, dufashijwe na **NDAGIJIMANA Jean de Dieu**, umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego w'Ibanze rwa Nyakabuye bwaregeye uru Rukiko uwitwa **FURAHA Jean Pierre** icyaha cyo kwihesha ikintu cyundi hakoreshejwe uburiganya, icyaha giteganywa kandi gihanishwa ingingo ya 174 y'itegeko no 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, icyo kirego kikaba cyarahawe no RP 00062/2019/TB/NYAKB;

Tumaze kubona ko **FURAHA Jean Pierre** ntwene MUPIRA Sylvestre na AHISHAKIYE Félicitée, wari utuye mu Mudugudu wa Majyambere, Akagari ka Pera, Umurenge wa Bugarama, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerezuba, ubu akaba akunikiranywe nk'uhishe cyangwa uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 160, iya 161, iya 162 n'iya 163 z'itegeko no 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **FURAHA Jean Pierre** agomba kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Nyakabuye kuwa **08/01/2020** saa mbiri za mu gitondo, aho Urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, natitaba uwo munsi bizafatwa ko yasuzuguye amategeko, maze ruburanishwe adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku Rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo, kandi kimanikwe n'ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Akarere ka Rusizi, ku biro by'Umurenge wa Bugarama no ku biro by'Akarere ka Rusizi;

Ni uko icyemezo gifashwe kandi cyemejwe, turi mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe hejuru;

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho;

Umwanditsi

**NDAGIJIMANA Jean de Dieu**



Umucamanza

**SIMBA Samuel**

